REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 07/01/2019

N° 004.**NJYA/2019**

POUR RECEPTION
07 JAN 2019
PROVINCE DU SUD

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Nyanza

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 28 Ukuboza 2018

Bwana Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezaho ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Kibeho mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis ku wa 28 Ukuboza 2018, yitabiriwe n'Abajyanama 26 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYARUGURU

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

1.Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
Kigali
2.Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
Nyaruguru

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYARUGURU
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KUWA 28/12/2018

INTANGIRIRO

Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 28 Ukuboza 2018 yateraniye mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis i Kibeho , iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves, yitabirwa n'abajyanama 26 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere, Inama yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Umuyobozi w'Imirimo rusange ku Karere; abayobozi b'amashami ku Karere n' Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

Ku murongo w' ibyigwa hari ingingo zikurikira

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 26 Ukwakira 2018
2. Gusuzuma ibyifuzo by'amakomisiyo na komite ngenzuzi
3. Ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 25 Nzeri 2018 n'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 26 Ukwakira 2018
4. Raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi by'amezi atandatu (Nyakanga – Ukuboza 2018)
5. Inyandiko zandikiwe Inama Njyanama
6. Ibindi

Icyemezo cya mbere

Mu bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje inyandikomvugo y'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 26 Ukwakira 2018 nyuma yo kuyikorera ubugororangingo.

Icyemezo cya kabiri

- Mu bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje inyandikomvugo z'amakomisiyo na Komite y'Ubugenzuzi zikurikira:
- Inyandikomvugo za Komisiyo y'Imiyoborere myiza yo kuwa 27/10/2018 niyo kuwa 28/11/2018
- Inyandikomvugo za Komisiyo y'Imibereho myiza yo kuwa 30/11/2018 n'iyo kuwa 21/12/2018
- Inyandikomvugo za Komisiyo y'Ubukungu yo kuwa 27/10/2018; kuwa 24/11/2018 n'iyo kuwa 24/12/2018.
- Inyandikomvugo ya Komite y'Ubugenzuzi yo kuwa 27/12/2018

Icyemezo cya gatatu

Ikarita nsuzumamikorere yateguwe na COPORWA/ ADENYA bifuza ko yakoreshwa n'Akarere, mu bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje ko iyo karita ibanza gusuzumirwa muri komisiyo ya JADF ishinzwe imiyoborere myiza kuko hari ibitaranoga, ikabona kugarurwa muri Komisiyo ya Njyanama ishinzwe imiyoborere myiza.

Icyemezo cya kane

Nyuma yo gusuzuma icyemezo cyari cyarafashwe n'Inama Njyanama cyo kugaruza amafaranga y'ikirenga yahawe ibigo by'amashuri nka capitation grant ubu hakaba hakiri ataragarurwa , abitabiriye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana icyo kibazo ikazatanga raporo mu Nama Njyanama y'ubutaha.

Icyemezo cya gatanu:

Nyuma yo gusanga amafaranga y'urugendo na "jeton de presence" by'Abajyanama bo ku Mirenge no ku Karere bitinda gutangwa abitabiriye Inama Njyanama bemeje ko Komite Nyobozi igomba gukurikirana icyo kibazo ubukerererwe ntibuzongere kubaho.

Icyemezo cya gatandatu

Nyuma yo gusesengura bagasanga hakiri ikibazo k'isuku nkeya mu baturage, abitabiriye Inama Njyanama bibukijwe ko icyo kibazo kibareba bose, mu bwumvikane busesuye bemeza ko komisiyo ishinzwe imibereho myiza mu Nama Njyanama itegura uburyo abajyanama n'izindi nzego bazafatanya ubukangurambaga kuko iki kibazo gishingiye ku myumvire.

Icyemezo cya karindwi

Nyuma yo gusanga ikibazo cy'abangavu baterwa inda kigenda kiyongera abitabiriye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko hakorwa ubusesenguzi ku mpamvu zitera iki kibazo hakarebwa niba Imirenge yose, ikibazo kiri ku rwego rumwe maze ibindi byemezo bikazashingira ku busesenguzi buzaba bwakozwe.

Icyemezo cya munani

Mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'abafite ubumuga abitabiriye inama bemeje ko

- Ikipe y'abafite ubumuga ya "sit ball" izashakirwa ikibuga cya tapi mu ngengo y'imari ya 2019/2020
- Mu gihe habaye inama cyangwa ibirori byatumiwemo abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga, Akarere kazajya gashaka abandi bantu bazi ururimi rw'amarenga bazajya bafasha abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga ibiri kubera mu nama cyangwa mu birori.

Icyemezo cya cyenda:

Abitabiriye Inama Njyanama bagejejweho na komisiyo y'iterambere ry'ubukungu uko basesenguye ingengo y'imari ivuguruye ya 2018/2019 basanga hakiri ibikorwa bigikeneye kongererwa ingengo y'imari , imishinga mishya yo kwinjiza mu ngengo y'imari,

Mu bwumvikane busesuye bemeje ko ingengo y'imari ivuguruye, gahunda y'amasoko ivuguruye "tariff" y'imisoro ivuguruye mu mwaka wa 2018/2019 bikomeza kunozwa bikazemezwa mu Nama Njyanama y'ubutaha.

Icyemezo cya cumi:

Abitabiriye Inama Njyanama nyuma y'uko bagejejweho raporo ya "descentes" zakozwe na Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu hasuzumwa imikorere ya za SACCO bagasanga harimo ibibazo bitandukanye, abagize Inama Njyanama mu bwumviakane busesuye bemeje ko

- Imyanzuro rusange ku mikorere ya za SACCO uzafatwa zose zimaze gusurwa kuko igikorwa cyo gusura SACCO zose kitararangira.
- Komite Nyobozi igomba kongera gukurikirana ikibazo yari yaratangiye gukemura cya SACCO Jyambere Busanze cy'abaturage bose batarasubizwa amafaranga bakaswe yitwa ay'umutekano (ISCO) mu buryo bunyuranije n'amategeko SACCO zigenderaho.

Icyemezo cya cumi na rimwe:

Abitabiriye Inama Njyanama nyuma yo kugezwaho raporo y'amezi atandatu (Nyakanga- Ukuboza 2018) y'ibikorwa by'abagize Komite Nyobozi bakayisesengura, bakagaragariza buri wese mu bagize Komite Nyobozi ibikwiye kongerwamo,

Abagize Inama Njyanama bemeje ko iyo raporo isinye y'ibikorwa by'abagize Komite Nyobozi izagezwa mu biro by'Inama Njyanama igashyirwa ku mugereka w'inyandikomvuyo y'Inama Njyanama yo kuwa 28/12/2018.

Icyemezo cya cumi na kabiri

Abagize Inama Njyanama nyuma yo gusuzuma urwandiko N° 2173./07.02.03/M07.2/2018 rwo kuwa 28/12/2018 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba ko Akarere kishyura abaturage bambuwe na rwiyemezamirimo B.E.S & SUPPLY Ltd maze Akarere kakazasigara kikurikiranira uwo rwiyemezamirimo,

Abitabiriye Inama Njyanama ku bwumvikane busesuye bemeje ko Akarere kishyura abaturage bambuwe na rwiyemezamirimo B.E.S & SUPPLY Ltd wubakaga gare n'isoko rya kijyambere rya Kibeho amafaranga miliyoni cumi n'eshatu n'ibihumbi magana inani mirongo itatu n'umunani n'amafaranga magana atandatu (**13,838,600 Frw**).

Umusozo:

Inama Njyanama yatangiye imirimo isaa tanu nigice (11h:30) isoza imirimo yayo isaa kumi n'ebyiri n'iminota icyenda(18h:09) Umuyobozi wayo ishimira abitabiriye n'ibitekerezo batanze kandi abifuriza umwaka mushya muhire wa 2019.

Umwanditsi w'Imana

KAMPOGO Dative

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'Inama

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 09/01/2019
N° 0995/07.02

INTARA Y'AMAJYEPFO
TEL: 252533385, Fax: 252533380
Email : south@southernprovince.gov.rw
Website : www.southernprovince.gov.rw

NYARUGURU DISTRICT
DATE OF RECEPTION
16 JAN 2019
Received by.....
Registration No .....
To be treated by.....

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

NYARUGURU

Impamvu: Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 28 Ukuboza 2018

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku itariki ya 28 Ukuboza 2018 byatugezeho ku itariki ya 07 Mutarama 2018. Nyuma yo kubisuzuma, turabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

INTARA Y'AMAJYEPFO

CG GASANA K. Emmanuel
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU